



INSHUTI



Kanama 2014


Akanyamakuru k'urubyiruko

Numero : 27 / BP 952 Kigali / Telefoni : 0788 853 615 / Email: clubrafiki@yahoo.com



Ibigo by'urubyiruko amizero y'iterambere rirambye.

Rafiki Journal
yebereye urubyiruko igisubizo



Abajene
ejo heza
ni ahacu

"Tubiharanire"



Facebook mu dushya



Brad Pitt ari hamwe n'akabavu
ke Angelina Jolie

Virusi ya Ebola ikomeje gutitiza isi!

Virusi ya Ebola ni virusi yo mu bwoko bwa virusi bita Filoviridae (filovirus), iyi virusi ikaze cyane umuntu ifashe iba ishobora kumuhitana kugeza kuri 90% ndetse nta numuti kugeza ubu wari waboneka. Virusi Ebola yabatijwe bwa mbere iryo zina rikuwe ku ruzi ruri hafi y'umujyi wa Yambuku mu majyaruguru ya Republika iharanira demokarasi ya Kongo. Mu bitaro biba muri uwo mujyi niho virusi Ebola yabonetse bwa mbere muri Nzeri 1976, iyo virusi yaje gufata abantu 318 yicamo 280.

Inyamaswa ziri mu bikwirakwiza virusi ya Ebola

Inzobere zitangaza ko virusi ya Ebola, ikigega cyayo gikomeye cyaba kibarizwa mu ducurama two mu mashyamba bakunze kwita foret tropicale. Utwo ducurama tukaba dushobora gukwirakwiza virusi no ku zindi nyamaswa izo nyamaswa nazo zikayigeza ku bantu. usibye ko kandi ngo utwo ducurama natwo dushobora kwanduza abantu, nkuko bikekwa n'abantu muri Afurika y'uburengerazuba aho iyi ndwara ikomeje guca ibintu. Gusa iyi ndwara igira igihe igenda, ubundi ikagaruka ari icyorezo.

Ibimenyetso byayo

Mbere yuko tureba ibimenyetso by'iyi ndwara ikaze, tubanze turebe iyo ikigufata, Inzobere kuri iyi ndwara zitangaza ko

Ebola iyo yagufashe hagati y'iminsi 2 na 21 iba yatangiye kugaragaza ibimenyetso byayo, birimo kuribwa umutwe mu rugero ruhanitse, kugira umuriro mwinshi, ndetse uko hashira iminsi umuntu atangira kwangirika umwijima, n'impyiko aho utangira kuvira imbere (hémorragie interne) iyo yatangiye rero gukwirakwira mu maraso itangira guteza ikibazo imitsi itwara amaraso aho ishyiramo utuntu tumeze nk'utubuye dutuma amaraso adatembera, ubwonko bugatangira kubura amaraso ndetse n'umwuka, kuruka ndetse no guhitwa, ikimenyetso cya nyuma utangira kuva amaraso ahari umwenge hose ku mubiri wawe.

Mu by'ukuri n'indwara mbi cyane.

Uko twayirinda

Leta y'u Rwanda ikomeje gushyiraho ingamba zikarishye kubinjira mu gihugu, mu rwego rwo gukumira indwara ya Ebola. Kubera ko yandura cyane ntibyemewe gukora ku murwayi wa Ebola, guhura n'amaraso, amashoro, amatembabuzi, ibyuya, cyangwa amandwe y'umurwayi wa Ebola ni kimwe mu bintu byanduza cyane iyi ndwara. Ku barwayi ba Ebola bashyirwa mu kato atari mu buryo bwo kubanena ahubwo ari uburyo bwo kwirinda ko yakomeza gukwirakwira. Ebola ntiyandurira mu mwuka. Abashinzwe kwegera umurwayi n'abamwitaho nk'abaganga ndetse nabo baba bambaye imyenda kabuhariwe yabugenewe ikingira virusi zanduza nkizo.

Umuryango wita ku buzima ku isi OMS, utanga izindi ngamba zikurikira



Ebola irica

mu rwego rwo kurwanya ikwirakwizwa rya virusi ya ebola

-Inyamaswa zikekwa kuba zifite virusi ya Ebola kirazira kuzibaga ngo ziribwe, ndetse kirazira no kuzivanga n'andi matungo yororwa.

-Inyama z'amatungo zisanzwe zigomba gutekwa zigashya ndetse zatunganyijwe mu isuku yo ku rwego rwo hejuru mbere yo kuribwa..

-Ku batahuweho na virusi ya ebola bashyirwa mu kato kugira ngo batanduza abandi


Ibindi bireba inzego z'ubuvuzi .

Indwara ya Ebola kugeza ubu nta muti uraboneka usibye urimo kugeragezwa muri iyi minsi kuko hari abaganga babanyamerika babiri Dr. Kent Brantly na Nancy Write bari banduriye iyi ndwara muri Afurika y'uburengerazuba babashije gukira, ku buryo hari icyizere ko wenda mu gihe kiri imbere iyi ndwara yaba yabonye umuti. Hagati aho twababwirako muri Afurika y'uburengerazuba imaze guhitana abantu 1200.

Iyi nkuru twayiteguye twifashishije urubuga Wikipedia

RUDAHUNGA Désiré
Umunyamakuru w'Inshuti
(Hong Kong)

Rafiki Journal yagacishijeho mu myaka 40 ishize



Kuva Club Rafiki yashyirahamwe kuwa 27 ukwakira 1974 imyaka 40 iraba ishize mu minsi itarambinye, mu bikorwa Club Rafiki yagejeje ku

bajene muri icyo gihe cyose Rafiki Journal ifite umwanya mwiza, ni mu gihe ariko muri icyo gihe abantu bari bafite ikibazo cyo kugezwaho amakuru abera hirya no hino, ako kanyamakuru kari gahubiyemo

impanuro nyinshi kafashije benshi nkuko icyo gihe urubwiruko muri icyo gihe babatangaza uyu ni Hashimu umwe mu rubwiruko rw'icyo gihe uzi neza amavuko n'amavuko y'aka kanyamakuru ndetse anahamya ko yigeze no kugacuruzwa mu bice bitandukanye bya hano i Nyamirambo, avuga ko kari akanyamakuru gakunzwe cyane kubera ko amakuru yabaga agakubiyemo benshi basanganga bari bayafitiye inyota.

Nk'uko tubizi nk'ibindi bikorwa byose aka kanyamakuru kaje kugerwaho n'amarorerwa yagwiriyemo

u Rwanda bityo nako gahagarara kadasezeye ku bakunzi bako, kuva mu 2012 abajene bahurira umunsi ku munsi mu kigo cy'urubwiruko cya Club Rafiki batekereje neza bakora Inshuti y'urubwiruko nk'akanyamakuru nako kagezaho urubwiruko amakuru atandukanye umuntu yakwibaza niba mu minsi iri imbere Inshuti y'urubwiruko isubiranye izina ryayo Rafiki Journal itazakumbuzwa benshi ako kanyamakuru kari karafashwe nk'isoko y'amakuru n'ubumenyi bwo hirya no hino.

Ubwanditsi

UBUMENYI N'IKORANABUHANGA

Inshuti y'urubwiruko

Facebook ihorana udushya mu isi y'ikoranabuhanga



Amakuru dukeshya urubuga rwa BBC ngo Facebook yaba igiye gushyirahamwe ubundi buryo bushya buzajya bukoreshwa mu gukurura amajwi y'indirimo ndetse n'ibiganiriro uri kumva bakaba batangaza ko ari kugira ngo barushyiraho kumenya ibyo abakiriya babo bakunda, ubwo buryo kandi bukazajya bukoreshwa hakoreshejwe microphones zisanze ziba muri telephone ariko za smartphone. Mu gihe icyo ari cyo cyose uzajya umenya indirimo ushobora kubishyira ku rukuta (wall) rwawe ukimara kubibona kugira ngo ubihu-

rireho n'inshuti zawe. Mark Zuckerberg we ubwe aratangaza ko aya gutangira gushyirahamwe Facebook yashakaga gufasha abantu mu bumenyi cyane cyane ashyingiye ku bibera ku Isi dutuyeho, akaba yarashakaga

kurema ikintu cyatuma abantu bahanahana amakuru ku buryo bwihuse kandi atatangaza ko ibyo yagezeho byose ari ukubera izo ntego zose yari afite .

Gukoresha ubu buryo si agahato

Facebook ikomeza ivugako umuntu wese udashakaga gukoresha ubu buryo, ashobora kubufunga ariye kuri konti ye ya Facebook. Mu gihe uzajya uba uri kwandika status hazajya hazaho akadirishya kakubwira uko waha inshuti zawe amakuru ukaba ushatse wabyanga ni uburenganzira bwawe

Ese ubu buryo bushya buzamarira iki Facebook?

Ubu buryo bushya buzafasha Facebook kwamamaza ikurikije icyo umuntu akunda biborohereze gutambutsa amatangazo yo kwamamaza hakurikijwe konti ya buri muntu hamwe n'ibyo akunda nukuvuga ko buri muntu azajya abona ibye byihariye hagendewe kucyo akunda dore ko ari naho yungukira mu kwamamaza cyane cyane ibigo by'ubucuruzi kandi bikomeye.

Ese utekereza ko konti yawe izaba ifite umutekano uhagije ?

Kugeza magingo aya muri leta zunze ubumwe z'Amerika hari abantu benshi bashinje Facebook ko yaba itanga amatangazo yabo muri guverinoma bakaba bafite impungenge ko bashobora kuzajya bumva n'ibindi, uretse ko hari n'abandi bantu benshi bishimiye ubu buryo bushya, ariko hakaba n'abandi bumva ko ntacyo bumaze kuko basanga nta nyungu bubazanira.

Inkuru yatunganyijwe ishyirwa mu ikinyarwanda na **Steve SIBOMANA**

Isiraheli na Palestina barapfa iki? igice cya I



Isi itegereje amahoro muri ibi bihugu

Hashize imyaka isaga 2000 mu burasirazuba bwo hagati batagira gakondo, Palesitina yaje gutungurwa n'uko Isiraheli yashinze leta ku butaka bwabo nuko igihugu gitangira gucikamo ibice ariko bakomeza kugira ibyiringiro yuko ibihugu by'abarabu bizabafasha kubohoza ubutaka bwabo.

Uko kutumvikana hagati ya Palesitina itaremerwa nubu ni bumwe mu burambye cyane, ku buryo iki kibazo n'ubu kimeze nk'aho kita zabonerwa umuti yaba ejo cyangwa mu bihe bizaza .

Ibintu by'ingenzi byatumye habaho amakimbirane hagati y'ibi bihugu.

Urwango rukabije ku benegihugu b'Abayahudi rwasakajwe k'umugabane w'Uburayi duherereye mu kinyejana cya 19 aho igihugu cya Pologne n'Uburusiya, aribyo byari birangaje ibindi mu byo bitaga kwamagana abimukira aribyo bita "Antisemitism".

Nyuma yaho kandi umugabane w'uburayi waje kubibwamo uru rwango Abayahudi batangira guhohoterwa, ndetse abandi bahasiga ubuzima. Nyuma yo kurenganywa ku muyahudi "Capiteni Dreyfus" ubwo

yahabwaga igihano cyo gupfa mu gihugu cy'Ubufaransa bitigeze bivugwaho rumwe byaganishije ku mugambi umwe ku bayahudi wo gushaka uburyo bashyiraho igihugu cyabo cya Siyoni cyangwa se yerusalemu ku butaka bw'inkomoko. Theodore Herzl, n'umunyamakuru w'umuyahudi yagize uruhare rukomeye mu kuzana iki gitekerezo, cyo gushinga leta Isiraheli nyuma y'igitabo cye cya "Etat juif." kubera imyaka irenga 2000, yari ishize Abayahudi ubwabo ntibumvaga ko ari ibintu bishoboka, baritandukanyije, hari ababonaga ko gushinga iyo leta ya Isiraheli ukwishyira mu byago naho abandi bakumva ko igitekerezo kireba bene wabo mu idini rya "Judaism" ndetse bakavugaga ko Judaism ari idini ariko ntaho bihuriye no gushyiraho leta.

Gusa bo bakomeje kuvuga ko aho ba vukiye mu bihugu by'amahanga k'u mugabane w'uburayi n'ahandi ariho iwabo ku buryo gushyiraho leta ya Isiraheli batairi babifitemo umuhati.

Mu 1917 ubwo nibwo intambara ya mbere y'Isi uwitwaga "Arthur Balfour", wahoze ari Minisitiri w'Intebe mu igihugu cy'icyo gihe Ubwongereza kwasabye ko hashyirwaho ahantu hamwe hahurizwamo Abayahudi muri Palestine, gusa ntibyari byoroshye kw'ishingwa rya leta ya Isiraheli, ibyo bikaba byarabaye nyuma yo guseniyuka kubwami bwa "Ottoman", cyangwa se (Turukiya) bwayoboraga igice cy'uburasirazuaba bwo hagati. Mu

ntambara ya mbere y'Isi, mu masezerano yakozwe mu ibanga mu 1916, kandi ubwo intambara yambere y'Isi yari iri kuba habaye amasezerano mu ibanga hagati y'Ubufaransa n'Ubwongereza bahise bigabanya ibihugu bagenzura, Ubwongereza buhitamo kuyobora Palestine, naho Ubufaransa bu hitamo kuyobora ibihugu bya Syria na Liban. Izi nizo ntandaro z'amateka, za vuyemo urwango maze guhangana bikomeye bitangira ubwo hagati y'Abarabu bafite inkomoko muri Palestine n'Abayahudi bari bari imihanda y'Isi yose cyane cyane mu bihugu by'Uburayi aho nyuma baje bakaza kuremerwa leta ya Isiraheli. Amasezerano yo mu 1916 yatumye Abongereza n'Abafaransa bigarurira ibice byinshi byo mu Burasirazuba bwo Hagati, ariko icyemezo cya Balfour cyo gushinga 'Foyer juif' muri Palestine cyaje gutuma noneho Abayahudi benshi batangira kwimukira muri Palestine, cyane cyane guhera mu 1930, ubwo urwango muri bo rwafataga intera iham baye mu matwara ya "Hitler" n'Abanazi be, mu gihugu cy'Ubu dage. Nyuma yaho Abayahudi n'Abarabu batangiye guhangana, Ubwongereza bwaje bwahawe uburenganzira n'Umuryango w'Abibumbye, kugirango bushakire umutingo icyo kibazo mu maguru mashya. (Basomyi nshuti tubararikiye igice cya 2 ubutaha.)

Steve SIBOMANA

INSHUTI Y'URUBYIRUKO ni akanyamakuru kandikirwa urubyiruko kandi kandikwa n'urubyiruko.

JAY-Z na BEYONCE ngo umwana bafite ashobora kuba atari uwabo



Inkuru dukesha iki nyamakuru Life Style iragira iti : burya ubuzima bwa ba star buri gihe buba bugoye.hari hashize iminsi havug-

wa inkuru ko Jay-Z na Beyonce baba bagiye gutandukana yemwe ko naba avocat ko baba batangiye akazi kabo. Ubu rero hagezwe ho ko numwana bafite yaba atari uwabo.Hari Umudamu witwa **Tina Seals** akaba yerekeje iyo urukiko avuga ko ari mama w'ukuri wa **Blue Ivy** uwo akaba ari umwana ibyo byamamare bya muzika bivuga ko bimubereye ababyeyi.

Hakaba hari na bimwe mu binyamakuru bya hariya ibwotamasimbi, byari byavuze ko Beyonce adatwite ko ahubwo hari ibintu ashyiramo ukagira ngo aratwite.

Iyi couple yibasiwe n'ibibazo cyane aho bashakaga gukora divorce, kubera ko umubano wabo utameze neza kuva mu ntangiriro z'uyu mwaka.

Aho iyo couple berekeje i'ru rukiko hariya muri New York, kugira ngo babahe divorce, ibinyamakuru byahariya muri Amerika ntakindi biri kwandikaho uretse kuri iyo couple gusa. bikaba byatangiyeye ubwo batangira kugirana umubano utari mwiza hamwe n'iyindi couple nayo yabastar ya Kanye West hamwe na Kim Kardashian.

Said Niyonzima

EJO HACU

Inshuti y'urubiruko

IBIGO BY'URUBYIRUKO AMIZERO Y'ITERAMBERE RIRAMBYE



Ikigo cy'urubiruko cya Kimisagara

Iyo witegereje hirya no hino wibaza akamaro k'iremwa ry'ibigo by'urubiruko, abenshi mu minsi yashize babibonaga nk'ahantu urubiruko ruhurira rukiga imico mibi harimo n'urugomo n'ibindi, ariko se nibyo koko? Ariko se ubundi bimaze iki? Ese koko buriya si ahantu ho kugomesha urubiruko ntirugire ikindi rukora!?

Mu rwego rwo gusubiza ibi bizabo byatumye umunyamakuru wacu yegera rumwe mu rubiruko rumuha ibisubizo ku bibazo yibazaga, urubiruko rusanga ubwarwo ibigo

by'urubiruko ari amahirwe rwahawe ngo rukanire ku iterambere ryabo kuko akenshi bahasanga amakuru yose akenewe ngo biteze imbere. Ibyo kandi twabihamirijwe na Solange umwe mu

bajene twahuriye hafi y'ikigo cy'urubiruko cya Kimisagara aho yatubwiye ko iki kigo ari nk'umucyo urubiruko rwose rushakaga guteza imbere impano zabo ndetse no kumenya amakuru igihugu giteganyiriza urubiruko sibyo gusa ni ahantu duhura tukidagadurira tugakina bityo tukanahungukira inshuti,

N'ubwo se ariko urubiruko rubibona gutya ibi bigo bifite ikibazo cy'ubushobozi buke ndetse ahanini usanga urubiruko rutahasanga ibyo rukeneye byose, urubiruko rukaba rusaba ko ubuyobozi bw'igihugu

bwakongeramo ubushobozi bityo ejo heza dutegerejeho nk'urubiruko tukahagera vuba.

HAKIZIMANA Ramadhan



Urubiruko mu isomero mu kigo cy'urubiruko cya KAYONZA



Se wa Angelina Jolie ngo ntiyatumiwe mu bukwe bw'umwana we?



Brad Pitt ari hamwe n'akabavu ke Angelina Jolie

Nyuma y'igihe kirekire bakundana Brad Pitt na Angelina Jolie kuri uyu wa gatandatu tariki ya 30 Kanama 2014 bakoze ubukwe bw'ibanga. Inkuru dukesha ikinyamakuru Daily Mail kiratangaza ko kuri uyu wa gatandatu basezeraniye mu cyumba cy'amasengesho mu majyepfu y'igihugu cy'Ubufaransa.

Ubukwe bw'iyi couple ikomeye

cyane kandi ikunzwe, inazwi ku kazina ry'akabyiniriro ka Brange lina, bukaba bwarabaye mu buryo bw'ibanga rikomeye aho hagaragaye guhezwa ku muryango wa Angelina jolie kuko ise umubyara atigeze agaragara muri ubwo bukwe atari yatumiwemo. Nubwo Jon Voight ati geze atumirwa, yatangarije ikinyamakuru Good Morning Britain mu magambo ye agira ati” biravugwa ko bwari ubukwe bwiza, kandi byari kuba byiza kurushaho iyo nza gutaha ubukwe bw'umwana wanjye.”

Yakomeje agira ati :”ndabizi, bari bafite ubushobozi bwo kubigira ibanga ariko ndabishimiye kandi nejejwe n'uko ambereye umukwe.”

Iyo couple igizwe n'umuryango w'abana ndetse harimo n'abo arera

duhereye ku mukuru ariwe Maddox w'imyaka 13, Pax 10, Zahara 9, Shiloh 8, Vivienne na Knox b'impanga bombi bafite imyaka 5. Abo bose bikaba bivugwa ko bari bafite inshingano zifatika kuri uwo muni w'ubukwe.



Umuryango wa Brad Pitt na Angelina Jolie

AMASHYENGO N'IKARISHAYABWENGE

- Wirira kubera ko bikurangiranye, ahubwo seka kuko byakubayeho — **Dr. Seuss**
- Ntako bisa kwanga kubera uko uri kuruta gukundwa uko utari — **André Gide, Autumn Leaves**
- Ubuzima ni igisonanuro cy'ibikubaho mu gihe uhuze, ndetse n'igihe utegura gahunda zawe. — **Allen Saunders**
- Inshuti nziza, ibitabo byiza, ndetse n'umutimanama utagucira urubanza, ngibyo igisobanuro cy'ubuzima — **Mark Twain**
- Uwihanganye agera ku muzi w'ibuye -**Rudahunga Désiré**
- Ku marembo yo kwihangana nta muvundo uhaba -**Rudahunga Désiré**
- Ntako bisa kwangwa kubera uko uri, kuruta gukundwa uko utari. — **André Gide**
- Ikintu cyose ubashije gutekereza nuko kiba kiriho — **Pablo Picasso**
- Ubuzima ni nko gutwara igare, kububungabunga ugomba gukomeza kunyonga , iyo uhagaze kunyonga nabwo burahagarara— **Albert Einstein**
- Rimwe na rimwe ibibazo usanga mu buzima bigoye kubyakira, mu gihe ibisubizo usanga byo byoroshye kubyakira.— **Marilyn Monroe**

Byateguwe na Rudahunga Désire (Inshuti y'Urubwiruko)

HIRYA NO HINO

Inshuti y'urubyiruko

Maybach Exerelo, imwe mu modoka zahenze mu mwaka wa 2013



Maybach Exerelo niryo zina ry'icyo kinyabiziga

Nkuko tubikesha urubuga rukunze gutangaza amamodoka ahenze ku Isi ari rwo www.thesupercar.com, ngiyo imodoka rwa sohoze ihenze kandi nziza mu mwaka wa 2013.

Iyi modoka yo mu bwoko bwa **Maybach Exerelo** niyo yaje ku mwanya wa mbere aho ifite agaciro kangana na miliyoni 8 z'amadorari y'Amerika ahwanye na miliyari 5 na miliyoni 280 ubaze mu manyarwanda. Icyo kinyabiziga kandi cyakozwe n'abadage kandi ngo cyaba gifite umuvuduko ungana na 351 kw'isaha. Iyo modoka y'akataraboneka kandi yaje no gukoreshwa muri video y'indirimo y'icyamamare Jayz izwi ku izina rya lost. Ese mama iki kinyabiziga cyazagera hano iwacu mu wuhe mwaka ngo natwe twirebere aho isi igeze igana aheza?

Steve SIBOMANA

IMIKINO

Inshuti y'urubyiruko

Igihangane Radamel muri Manchester United



Umukinnyi w'igihange Radamel Falcao ubu arabarizwa mu ikipe ya Manchester united. Radamel Falcao wavutse ku tariki 10 Gshyantare 1986 mu mugwi wa Santa Marta mu Gihugu cya Colombia uwo mukinnyi kandi yatangiye kumenyekana ubwo yari akiri muto mu ishuli rya Milionarios de Bogota aho yakina nk'umwataka. ku myaka 15 gusa yaje kujya mu ikipe ya Riva Plate y'abana. Nyuma y'imyaka 2 yaje guhamagarwa mu ikipe y'igihugu cya Clombia y'abatarengeje 17. Mu mwaka wa 2009 yaje kujya muri FC Porto yo muri Portugale aguzwe miliyoni 5.5 z'amafaranga akoreshwa ku mugane w'iburayi . yakomeje kwitwara neza aho yatsinze ibitego 25 mu mikino 28 gusa aho yaje ari uwa 2 inyuma Oscar Cardoso watsinze 28. Umwaka wa 2010-2011 kandi yaje kwesha agahigo ko gutsinda ibitego byinshi muri Europa league kari gafitwe na Jurgen klinsmann. Ku itariki ya 22 kanama 2011 yaje kwerekeza mu ikipe ya Atletico Madrid aguzwe miliyoni z'amayero. nyuma y'umwaka umwe yaje kwerekeza mu ikipe ya Monaco aguzwe akayabo ka miliyoni 64 z'amayero. Ntiyigaragaje cyane kubera ikibazo cyi imvune y'igihe kirekire yari afite. Ku itariki 31 nibwo yinjijye muri Manchester United ku ntizanyo y'umwaka kuri miliyoni 20 z'amayero. **Steve SIBOMANA**

BYENDA GUSETSA

Inshuti y'urubyiruko



Joriji Baneti ubwo yari yagiye gusura umukobwa w'inshuti ye, imvura yaraguye yanga guhita. Bumaze kwira, Papa wa girlfriend wa Joriji kubera ukuntu yakundaga Joriji yamubujije gutaha mu mvura ahubwo amusaba ko ari burare aho kugira ngo agende imvura imunyagira.

Mu kanya gato nkako guhumbya, bagiye mu cyumba kumusasira, bagarutse muri salon basanga Joriji ntawuhari yagiye.

Mu gihe bakibiyibazaho babona Joriji arinjijye imyenda ye ijyamba imvura yamunyagiye cyane. Joriji bamubajije aho avuye, niko gusubiza ati "Mvuye mu rugo kuzana imyenda yo kurarana!"

Ese birakwiye koko!!

Inshuti y'uru-

GARA FURERE, NUMVISE
UKUNDA KURAHIRA NGO
NDAGATORA MAMA, UZA
MUTORA GUTE, KOYANSO
BANURIYE KO KUBERA
AMASHURI MAKEYA
AFITE ADASHOBORA
NO KWIYAMAMARIZA
KUYOBORA UMUDUGUDU !?



nkusart 10

BIRABABAJE KUBONA HARI ABASORE BAGENZI BACU BAGIFITE
IMVUGO NYANDAGAZI N'INDAHIRO Z'URUKOZASONI ZIDAHE
SHA AGACIRO ABABYEYI BACU. MUZE TWESE DUHARANIRE
GUTANGA URUGERO RWIZA.